

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: Bizimana Gilbert

School: Associat° des Elèves Rescapés Génocide (A.E.R.G)

Class: ______ Year 1999-2000

Subject: Le Discours en total du Génocide pour moi.

KNOWLEDGE IS WEALTH

BiZiMANA Sixbert

ASSociation des élèves Rescapés du Génocide de 1994 (A.E.R.G).

Commune: MUKINGi

Secteur: KAMUgenyi

Préfecture: GiTARAMA

# ChaPI. UKO NAROKOTSE

Umunsi intambara yagereye iwacu wosinki wibuka ariko ukwezi ndakwibuka kwari mata 1994 isaa tatu za mu gitondo ndayizi neza kuko nari mukuru nari ngiye kujya mu mwaka wa kane Primary.

Ubwo hari mu gitondo tugiye kubona tubona abantu bariruntse abandi bavuza induru n'amafirimbi mu muhanda maze bamwe bakavuga ngo interahamwe zije kwica ibyitso by'inyenzi ngo kuko byishe umukuru w'igihugu ariwe Président Habyarimana ubwo ako kanya kuko abantu bari bahunze ari bose ntaku vangura bakivuga ko baje kwica abatutsi ubwo tugiye kubona tubona bamwe bahise batuvamo biseubirira mu ngo zabo ubwo abasirikare n'interahamwe bahita babwira abahutu ngo ni bakore akazi n'uko bitangira gutyo.

Nuko bwira ntawe usubiye mu rugo
maze muri iyo joro batangira gutwika
amazu kubari bakiyarimo no gutera ama-
gurunede twebwe twibereye mu bihuru maze
bukeye batangira kwica abantu barabica
cyane ubwo bukeye noneho batangira no kuba
higa kwa munsi wa gatatu batangira gutwi-
ka no guhiga mu masaka ubwo ngubwo
hari mu kwezi kwa 4 hagati noneho
imvura nayo ifatanya n'abo bagome maze
umututsi arahagwa koko kubwiyo nk'umu
ntu mwabaga muri hishanye ukumva baru
mukumbuye maze bakamwica uwo ukamu
simbuka utyo. Nuko ubwo noneho babonye
bamaze gucogoza abantu baduka mu bintu
baranya inka, inkoko, ingurube, ihene, n'inkwavu
barangije ibyo byose maze basenya amazu
barangije bajya mu mirima barasarura
imyaka yari yeze basahura ibikoresho byo
mu rugo byose barangije bigabanya

amasambu. N'uko ukwa 4 kurarangira ibikorwa nk'ibyo birakomeza no mukwa 5 ku buryo ubwicanyi bwakaze babura abo bica nabo bagasubiranamo ubwabo bakicana. Nuko ubwo iwacu babonye bikomeye bahita mo kuduhungishiriza iwabo wa mama hari muri commune Kambwe Nuko turagenda na barumuna banjye umwe aca ukwe n'undi ukwe kugirango tudashirira rimwe abato baremera bajyana na Mama nanjye nca ukwange Nuko turagenda ariko mu nzira nza guhura n'ibyago byinshi. Ubwo mukuru wanjye umwe yabaga aho kwa Sogokuru undi mukuru wanjye arigarana na Papa na se wabo na ba Nyirarenge bo bahise bahungira kuri komini ariko Papa we arasigara batangira kuza gutwara abantu aho kuri commune Ubwo abandi bagiye kuri komini papa we arasigara akomeza kwihisha ahungiye ahitwa isayobe ubwo aragenda

abundaguga ageze ahitwa mu kibaya anyu
ra mu masaka umugore wakuraga ibijumba
witwa Restida ahita amubona avuza
induru ati mbonye inyenzi arayivuga cyane
ubuo abari kuri bariyeri kuri muhazi
n'izindi nterahamwe bahita baza birukanka
baramutwa bamujyana aho kuri Muhazi
dore ko ariho hari harabaye ibagiro ry'ab

A. ABAMWISHE:

1. Mperekeje Fidèle
2. TAMBYA Jean wari ufite imbunda
3. n'Ikimpaye ~~A~~ Aimable aribo bagabaga ibitero
4. NA KABALISA Janvier.
5. Théophile Bizimana wari ufite Barrière

B. IBYO BAMWICISHIJE) 9. BOSCO Mwene MUHOZI

IMIHORO 6. Léonard mwene Gakire

UBUHIRI 7. Kayigambe Eustache 10. MAKUZA Ignacien

INKONI 8. GATO rana mbere Iwamukubise ubuhiri

amafuni

ibyo babirangije bamujugunye mu cyobo ataraptfa
ahasigaye bakanagamo amatafari n'amabuye

Ubwo natwe aho twari twarahungiye interahamwe zitumereye nabi kubunyo bageze n'aho batera bashaka kutwica ariko ubwo twiruka njye na mukuru wanjye ariko jye baramfata mukuru wanjye aracika nuko sogokuru na marume baramkuruka bagiye kureba aho izo nterahamwe zigiye kunyicira ariko nabo babamereye nabi ku

anti

bunyo bavugaga ko nibanyica nabo babica ariko bakanga ku nterera abaturage bahe babimenye baraturana baratangatanga bati murituricira umwana wavereveho nuko barababurira bati ni muvanga turawana nuko bagira ubwoba barandekura turataha guhera mu gitondo bambunganana kugeza saa 3 bakimara kundekura baravuze bati nibaga uka bakahadurangana bazatumara

Nuko mu gitondo cya kare Mama anatuzindukana nta n'intege kuko yari amaze iminsi 3 abyaye nuko aduhungishiriza

ikabgayi aho bitaga muri C.N.D
ariko mu nzira kugira ngo tubagere ibyo
twahaboneye ntibyakwirwa muri iyi
kaye nuko turahaba tuhabonera ibyago
byinshi cyane, urupfu, inzara, indwara
kugeza ku itariki ya 2 ~~Kamar~~ kamena
aho twabohojwe n'ingabo za F.P.R
turabunga kugera i Kirima niho twaga
rukiye.
Nguko uko nabayeho mu ntambara
ariko ni muri make kuko nibi nabyandi
tse ndi ku bitaro ndwajije uwo mubyeyi
wanjye ariko iby'ingenzi nabivuze

Murakoze.
Kuko nkomeje Nahimana Ngabonziza

Imana igira Amaboko

N.B: Igitero cyishe Ababyeyi banjye ni kinshi ayane sinababwuga ngo mbarangize Ndekeye aba b'ingenzi kuko ako mojé wata umutwe.

Murakoze

Mon Dieu c'est le Plus grand greffier

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.